**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 01/06/2012**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 01/06/2012 mu cyumba cy'inama cy'Akarere, iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama Dr Jeanne NYIRAHABIMANA. Inama yatangiye imirimo yayo saa munani (14:00), itangizwa no kujya mu mirenge inyuranye igize Akarere ka Kicukiro gusuzuma aho imihigo Umuyobozi w'Akarere yahigiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika igeze ishyirwa mu bikorwa. Nyuma y'iryo sura nibwo abajyanama bongeye kwicara mu cyumba cy'inama bafata imyanzuro bamaze kwemeza inyandiko mvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 31/03/2012.

**Ubwitabire bw'Abajyanama:** Abajyanama bitabiriye inama bari 19 , 3 bari bagize impamvu.

| N° | AMAZINA | *ICYO AKORA* | E-MAIL ADRESS | *TELEFONE* |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dr NYIRAHABIMANA Jeanne | Perezida wa Njyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788512107 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | V/Perezida wa Njyanama | twagirainn @yahoo.fr | 0788300595 |
| 3 | UWAMARIYA Annet | Umunyamabanga | wannet@yahoo.com | 0788763800 |
| 4 | BIZUMUREMYI Gakwandi | Umujyanama | bizouga2001@yahoo.fr | 0788529623 |
| 5 | INGABIRE Laetitia | Umujyanama | ingabirel2002@yahoo.ca | 0788359187 |
| 6 | KAMALI Fulgence | Umujyanama | kamalifulgence@yahoo.fr | 0788510202 |
| 7 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | Karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 8 | KAYIRANGWA Anita Marie Dominique | Umujyanama | kanita.md@gmail.com | 0788301008 |
| 9 | KAZENGA Diogène | Umujyanama | kazengadio@yahoo.fr | 0788306960 |
| 10 | KARIGIRWA Agnès | Umujyanama | agnes.karigirwa@gmail.com | 0788508081 |
| 11 | MBONIGABA François | Umujyanama | mbonifr@gmail.com | 0788410598 |
| 12 | MUKAMANZI B. Betty | Umujyanama | basingabetty@yahoo.com | 0788524793 |
| 13 | MUKAMA Wellars | Umujyanama | wmukama@yahoo.com | 0788442757 |
| 14 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788572974 |
| 15 | MURENZI Dieudonné | Umujyanama | nzidieu2002@yahoo.fr | 0785041578 |
| 16 | MURORUNKWERE Nassira | Umujyanama | namimy2006 @yahoo.fr | 0788735823 |
| 17 | NDAMAGE Paul Jules | Umujyanama | ndamagepauljules @yahoo.fr | 0788525548 |
| 18 | NKUBANA Dismas | Umujyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 19 | UWAYISABA Florence | Umujyanama | uwayisabaf@yahoo.fr | 0788354659 |

**Abasibye inama bafite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | UMUHOZA Ange | Umujyanama | hozange8 @yahoo.fr | 0788517701 |
| 2 | UMUHOZA Rose Marie Diane | Umujyanama | Mamiane2@yahoo.fr | 0788435105 |
| 3 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |

Ku murongo w'ibyigwa hemejwe ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe yo kuwa 31/03/2012
2. Kwemeza raporo y'imihigo y'Akarere ka Kicukiro 2011- 2012

## I. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 31/03/2012

**Umwanzuro wa 042/06/12**

a) Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 31/03/2012 imaze gukorerwa ubugororangingo, icyemezo gitorwa n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

Nyuma y'ubugororangingo no gusoma ibaruwa n° 1408/07.01.07/12 Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asubiza imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yo kuwa 31/03/2012, hafashwe imyanzuro ikurikira:

b) Inama Njyanama yemeje ko imyanzuro yafatiwe mu nama yo kuwa 17/03/2012 ishyirwa mu bikorwa hakurikijwe ibaruwa n° 1120/07.01.07/12 yo kuwa 29/03/2012 y'Umujyi wa Kigali.

c) Ku kibazo cya facture n° 002/ES/04/09/DISTRICT KICUKIRO ya INTERNATIONAL COMPANY OF TRANSPORT , CONSTRUCTION , CIVIL ENGINEERING & HYDRAULIC (ICTCCH) yibagiranye mu myanzuro, Inama Njyanama yemeje ko yandikwa mu nyandikomvugo y'inama yo kuwa 31/03/2012 nk'uko yakorewe ubugororangingo.

d) Ku mwanzuro n° 037/03/12 w'imyanzuro y'inama yo kuwa 31/03/2012 igika cya mbere ahavugwa isonerwa ku musoro w'ubukode bw'ubutaka bwa BARIRWANDA Christophe, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yagiye inama ko niba uyu muturage akwiye ubufasha byakorwa mu bundi buryo hatabayeho kunyuranya n'ibikubiye mu masezerano y'ubukode burambye icyiciro cya mbere mu ngingo ya 4 no mu ngingo ya 17.

Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo y'Ubuyobozi, Politikie n'Amategeko yifashisha umunyamategeko w'Akarere mu isesengura ry'amasezerano y'ubukode bw'ubutaka n'andi mategeko kugira ngo Inama Njyanama isobanukirwe neza impamvu itemerewe gusonera abatishobye bo mu karere ku mutungo utimukanwa kandi bigaragara ko no mu buzima busanzwe bafashwa na Leta kugirango bashobore kubaho.

## II. Kwemeza raporo y'imihigo y'Akarere ka Kicukiro 2011- 2012

Nyuma yo gusura bimwe mu bikorwa by'imihigo bikurikira:

- Inyubakoy'ibiro bishya by'Akarere mu murenge wa KAGARAMA ,
- Inyubako y'ibiro by'ubutaka na electronic filling mu murenge wa KAGARAMA,
- Inyubako ya Selling point mu murenge wa KAGARAMA,
- Umuhanda RBS – IMENARUGAMBA mu murenge wa KAGARAMA;
- Amashanyarazi muri centre ya GAHANGA
- Inyubako y'isoko rya GAHANGA,
- Ibigega bifata amazi y'imvura ku mazu ari mu mudugudu wubakiwe mu murenge wa GAHANGA ,
- Amazu 18 y'abatishoboye yubakwa mu Murenge wa GAHANGA
- Inyubako zigezweho 50 zo gutuza mu murenge wa NYARUGUNGA (GET HILL ESTATE) n'umuhanda w'amabuye muri uwo murenge,

- Imirima y'ibigori bihinze kuri 1000ha igice kinini kiri mu murenge wa MASAKA
- Poste de santé secondaire mu murenge wa Kicukiro;

Nyuma yo gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere ka Kicukiro (Gicurasi 2012), nk'uko igaragara ku mugereka w'iyi myanzuro, hafashwe umwanzuro ukurikira.

**Umwanzuro wa 043/06/12**

Inama Njyanama yashimye ibimaze kugerwaho, yemeza raporo y'imihigo 2011-2012 isaba ko hihutishwa ibitararangira. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

Mu byasabwe kwihutishwa cyangwa gukosorwa harimo:

a) Amazu 18 y'abatishoboye hasabwe ko nubwo wahizwe kuri 50% uyu muhigo wakwihutishwa .

b) Inama Njyanama yasabye ko umuhigo ujyanye no guteza imbere gahunda ya VUP unozwa mu myandikire kuko uwo muhigo warenze igipimo cyari cyatanzwe mbere (abatishoboye 2500) kuko hari amafaranga yiyongereye ku yari ateganyijwe hakaba harafashijwe abaturage 3174.

c) Ku bijyanye na gahunda yo guteza imbere BIOGAZ mu mashuri ya EFOTEC, GS AIPER NYANDUNGU na SICO, Inama Njyanama yabajije impamvu mu byagezweho GS AIPER NYANDUNGU itagaragara ahubwo hakagaragara irindi shuri " STAR School" . hasobanuwe ko AIPER Nyandungu bitashobotse ko yubaka Biogaz kubera ko nta nka bafite. Inama njyanama yasabye ko ibyo bisobanuro byagaragazwa neza mu gihe cyo kumurika imihigo.

d) Inama Njyanama yasanze ku bijyanye n'umuhigo wo kubaka ibiro by'Akarere kugeza kuri 40% wararenze cyane, ijanisha batanze rikaba rikwiye guhinduka bijyanye n'aho inyubako igeze.

e) Ku muhigo ujyanye no kugabanya imirire mibi hasabwe ko witabwaho hagafatwa ingamba zinoze zo kurwanya imirire mibi bakagaragaza neza n'ibimaze gukorwa.

Mbere yo gusoza inama, abajyanama bumvikanye umunsi bazakoreraho inama isanzwe, bemeza kuwa gatandatu tariki ya 23/06/2012.

Inama yashoje imirimo yayo 21h30, umuyobozi w'inama ashimira abajyanama ubwitange bagaragaje basura ibikorwa bitandukanye.

**UWAMARIYA Annet**
Umwanditsi w'inama

**Dr NYIRAHABIMANA Jeanne**
Umuyobozi w'inama

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kicukiro, kuwa 07/06/2012

Réf. N° 013/07.0103/Njy/2012

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO

MINALOC
Pour réception
Date 08 JUN 2012
Signature

Bwana Umuyobozi w'Umujyi
wa Kigali
KIGALI

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 01/06/2012

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 01/06/2012.

Iyo myanzuro murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.

Mugire amahoro.

**Dr NYIRAHABIMANA Jeanne**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka
KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
  KICUKIRO

P/ réception 08/06/2012

VILLE DE KIGALI
Secrétariat Central
Date de Réception: 08/06/2012
Signature: